IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 16 UKUBOZA 2012.

Ku Cyumweru tariki ya 16 Ukuboza 2012; mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Innovation Center" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo isanzwe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe Bwana ZINARIZIMA Diogène, amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 22 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Iyo nama yitabiriwe kandi n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ari we Depite NYANDWI Joseph Désiré.

Iyo nama yanatumiwemo kandi yitabirwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, abakuru b'imirimo ku Karere n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Nyamagabe.

Mu bandi bitabiriye Inama Njyanama harimo: Umuyobozi wa Burigade ya 307 Coloneri KANIMBA Callixte na Capitain MUHAMYANGABO Innocent.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abitabiriye inama ingingo ziri bwigweho zikurikira:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 2 Nzeri 2012.
2. Kungurana ibitekerezo ku mitangire ya serivisi mu Karere ka Nyamagabe.
3. Kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kubungabunga ibidukikije mu Karere ka Nyamagabe.
4. Gusuzuma raporo y'ibikorwa (narrative and financial report) ya Komite Nyobozi y'igihembwe cya I cy'umwaka wa 2012-2013
5. Kwemeza abakozi b'Akarere batsinze ibizamini binyuze mu ipiganwa.
6. Kungurana ibitekerezo ku mishahara mishya y'abakozi b'Akarere ka Nyamagabe.
7. Kugena inshingano n'ibindi bigenerwa abakozi bemejwe n'Inama Njyanama batari kuri cadre organique y'Akarere no kungurana ibitekerezo ku mikorere y'abakozi bamwe na bamwe b'Akarere.
8. Ibindi.

Umuyobozi w'inama amaze kumenyesha Abajyanama ingingo ziri bwigweho; mu bindi hemejwe ko hari busuzumwe ibaruwa y'umwe mu bagize Komite Nyobozi y'Akarere isaba ikiruhuko.

I. KWEMEZA INYANDIKOMVUGO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YATERANYE KU WA 2 NZERI 2012.

Inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa 2 Nzeri 2012 imaze gusomwa mu ruhame no gukorerwa ubugororangingo, yemejwe ku bwumvikane busesuye n'abagize Inama Njyanama y'Akarere.

II. KUNGURANA IBITEKEREZO KU MITANGIRE YA SERIVISI MU KARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bahawe ijambo bageza ku bagize Inama Njyanama inyandiko igaragaza iby'ingenzi bigenzurwa mu mitangire ya serivisi**.**

Abagize Inama Njyanama bashimye ibyakozwe na Komite Nyobozi birimo:

- Gutegura inyandiko igaragaza ibyitabwaho mu kugenzura imitangire ya serivisi mu Karere
- Gushyiraho itsinda ryihariye ryo kugenzura imitangire ya serivisi mu nzego zinyuranye zitanga serivisi rigizwe n'aba bakurikira:

    - UWAMAHORO Clothilde (Perezida) akaba ari umukozi wa RSSB/ Nyamagabe.
    - KAGABO Jean Pierre (Visi- Perezida): Asanzwe ari umunyamakuru wa ORINFOR / Nyamagabe.
    - NDAGIJIMANA François (Umunyamabanga): asanzwe ari umukozi w'Akarere (Labor Inspector).
    - Capt. MUHAMYANGABO Innocent: Uhagarariye inzego zishinzwe umutekano zikorera mu Karere.
    - NTAWURISHIRA Hiralie: Uhagarariye (Société civile)
    - GATOYA Cassien: asanzwe ari (administrateur kigeme)
    - MUKESHIMANA Ismaël: asanzwe ari "Manager wa Golden Monkey Hotel".
    - IP NSHIMIYE Alfred: IO Police
    - MURORUNKWERE Joie Lea: Uhagarariye ibigo by'imari.

- Gushyiraho komite ku rwego rw'Akarere ishinzwe kugenzura ko inama zatanzwe n'iryo tsinda ku itangwa rya serivisi ku Karere zubahirizwa.

Kuri iyi ngingo, abagize Inama Njyanama bashimye ibimaze gukorwa kandi bemeza ku bwumvikane busesuye ibi bikurikira;

- Kunoza inyandiko ikubiyemo serivisi zitangwa kuri buri rwego, ibisabwa ngo ukeneye service ayihabwe hamwe n'igihe agomba gutegereza ngo abe yarangije kuyihabwa no kuyigeza ku bo bireba bose.

- Kugaragariza abaturage ibyakozwe, ibyakosowe n'ibyanozwa na buri wese bireba mu birebana n'imitangire ya serivisi.

III. KUNGURANA IBITEKEREZO KU NGAMBA ZO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE MU KARERE KA NYAMAGABE.

Abagize Komite Nyobozi bamaze kugeza ku bagize Inama Njyanama ibyibanzweho muri gahunda yo kubungabunga ibidukikije mu Karere ka Nyamagabe, ibibazo byagaragaye n'ingamba zafashwe mu kubikemura,
Abagize Inama Njyanama bashyigikiye ingamba zafashwe n'Ubuyobozi bw'Akarere mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije. Izo ngamba zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

IBIBAZO BYAGARAGAYE	**INGAMBA ZAFASHWE N'UBUYOBOZI MU RWEGO RWO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE.**
- Kwangiza amashyamba - Abasarura badafite ibyemezo - Abatema amashyamba ya Leta - Gutwika imisozi - Abaturage biyitirira amashyamba ya Leta - Abaturage baturiye ishyamba rya Nyungwe baryangiza	- Hashyizweho Komite z'ibidukikije - Hashyizweho "Clubs" zo kubungabunga ibidukikije mu bigo by'amashuri no mu rubyiruko. - Gushyikiriza dosiye z'abangiza ibidukikije Ubutabera - Guteza cyamunara ibyafatiriwe - Imirenge ya Kitabi na Kamegeri yashyizwe mu kato ku wa

Abagize Inama Njyanama bamaze kumva ingamba zafashwe n'inzego z'ubuyobozi ndetse n'inzego z'umutekano nk'uko byasobanuwe na Colonel KANIMBA Callixte ubwo yahabwaga ijambo akagaragaza ibibazo bihari n'ingamba zafashwe mu kurengera ibidukikije bafashe ingamba zikurikira:

- Guhana abangiza ibidukikije hakurikijwe uko amategeko abiteganya.
- Gushyira ingufu mu kwibutsa abaturage n'inzego zose zirebwa n'iki kibazo uruhare rwabo mu kubungabunga ibidukikije no guhwitura abagaragaje intege nke.
- Gufasha abaturage batuye mu nkengero za Pariki ya Nyungwe bakunze kugaragarwaho n'umuco wo kwangiza ibidukikije, gutuzwa ahandi kandi bagashishikarizwa gukora indi mirimo ibabeshaho itari iyo gusarura amashyamba ya Leta.
- Kongera gusuzuma ikibazo cyabaye mu Murenge wa Gatare, aho bivugwa ko uwitwa UZABAKIRIHO Elias yasaruye ibiti byari mu nkengero z'imirima ye abifitiye uburenganzira ariko nyuma akahasimbuza ubuhinzi bw'ibirayi, Ibi bizakorwa na Komite ishinzwe ibidukikije mu Karere izagera aho ikibazo kiri, ikagisuzuma raporo yabyo ikazashyikirizwa Komite Nyobozi na yo ikagifataho imyanzuro hakurikijwe amategeko.

IV. GUSUZUMA RAPORO Y'IBIKORWA (NARRATIVE AND FINANCIAL REPORT) YA KOMITE NYOBOZI Y'IGIHEMBWE CYA I CY'UMWAKA WA 2012-2013.

Kuri iyi ngingo, abagize Komite Nyobozi bahawe ijambo bageza ku Bajyanama raporo ikubiyemo ibikorwa byagezweho mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2012-2013, raporo inagaragaza kandi uko ingengo y'imari ijyanye n'ibyakozwe yakoreshejwe.

Abajyanama bashimye ibyakozwe banasaba Komite Nyobozi kurushaho kwihutisha ibikorwa biteganyijwe;

Ku birebana na raporo yerekana uko amafaranga yinjiye n'uko yakoreshejwe (financial report), abagize Komite Nyobozi bagaragaje ko ku ngengo y'imari y'Akarere yateganijwe mu mwaka wa 2012-2013 ingana na Miliyari icumi na Miliyoni Magana atandatu na cumi n'enye, Ibihumbi Magana inani na mirongo itandatu na kimwe na Magana inani na mirongo irindwi n'abiri y'amafaranga y'u Rwanda **(10,614,861,872frw),** hamaze kwinjira 2,437,513,652 frw, angana na 23% by'ingengo y'imari; hakaba hamaze kandi gukoreshwa angana na 1,335,792,007 frw bingana na 12.58% by'ingengo y'imari yose. Kuri iyi raporo, abagize Inama Njyanama bbasabye Komite Nyobozi kongera ingufu mukwihutisha ikoreshwa ry'ingengo y'imari kandi muri raporo itaha hagashyirwaho umugereka ugaragaza ibisobanuro bimwe na bimwe ku iyinjira n'ikoreshwa ry'amafaranga.

V. KUNGURANA IBITEKEREZO KU MISHAHARA MISHYA Y'ABAKOZI B'AKARERE KA NYAMAGABE.

Kuri iyi ngingo, abagize Komite Nyobozi bamaze gusobanurira abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe ko bari barongeje abakozi b'Akarere amafaranga angana na 20% nk'uko bigaragara mu myanzuro y'Inama Njyanama yateranye ku wa 18 Gashyantare 2012; iki cyemezo kikaza guhagarara igihe Inama Njyanama yemezaga imishahara mishya igaragara mu mbonerahamwe yoherejwe na MIFOTRA.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo, abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko imishahara mbumbe y' abakozi igaragara mu mbonerahamwe yoherejwe na MIFOTRA yiyongeraho amafaranga angana na 20%. Iki cyemezo kigatangira gukurikizwa ku mushahara w'ukwezi k'Ukuboza 2012.

VI. KWEMEZA ABAKOZI B'AKARERE BATSINZE IBIZAMINI BINYUZE MU IPIGANWA.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho n'umuyobozi w'Akanama gashinzwe kujonjora abakozi mu Karere raporo irambuye igaragaza uko ipiganwa ry'imyanya yashyizwe ku isoko mu itangazio ryo ku wa 14/08/2012 n'Akarere ka Nyamagabe ryagenze, uburyo iyo raporo

yagejejwe kuri Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta n'igisubizo cya Komisiyo gikubiye mu ibaruwa N^{0} 2210/Rau/12 yo ku wa 23/11/2012 Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'abakozi ba Leta yandikiye Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe; aho yohereje urutonde rw'abakozi batsinze ibizamini binyuze mu ipiganwa, anasaba inzego zibifitiye ububasha kubashyira mu myanya batsindiye;

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku bimaze kuvugwa hejuru, bemeje ku bwumvikane busesuye abakozi batsinze ibizamini binyuze mu ipiganwa ku buryo bukurikira:

N0	**AMAZINA**	**UMWANYA YATSINDIYE**	**AMANOTA YAGIZE**	**AHO AZAKORERA**
1	HABANABAKIZE Protais	Archivist and documentation	72.80%	District
2	NDATABAYE Espoir	Accountant MUSA	78.05%	C.S Kibirizi
3	RYUMUGABE Sam	In charge of agriculture and natural resources	80.80%	Musebeya Sector
4	INGABIRE M.Grace	Secretary of the Unit	78%	Administration Unit
5	MUKABATSINDA Petronille	Secretary of the Unit	74%	Planning Unit
6	NSHIMIYIMANA Patrick	Technician in laboratory	84.00%	Kibirizi Health Center
7	BENIJAMBO Landouard	Human Resources Management and salaries officer	71.50%	District
8	NZAMURAMBAHO J.Pierre	In charge of social and economic development	73.50%	Runege Cell/ Musebeya Sector
9	BIZERE Patrick	Assistant Accountant	80.67%	District
10	GANISHURI Sylver	CBHI Section Manager	79.8%	MUSA Rugege/Gatare Sector

11	SIBOMANA Joseph	In charge of verification and store management	80.5%	MUSA Mugano/ Mugano Sector
12	NIYOMUFASHA Eugenie	Data Manager	71.6%	Kibirizi Health Center
13	NYIRABAKINAMURWANGO Euphrasie	Land Management, Infrastructure and Rural Settlement	75.67%	Cyanika
14	NDAGIJIMANA J.Pierre	Land Management, Infrastructure and Rural Settlement	75.5%	Kamegeri
15	KURUNDENGERE Aimable		74%	Mugano
16	KARANGWA Prosper		72.35%	Tare
17	NSANZAMAHORO Maurice		71.75%	Buruhukiro
18	NDUWAYEZU Gaspard		71.5%	Kibirizi
19	SIBOMANA Malachie		70.6%	Musange
20	ABIRINGIYE Arnauld		70.5%	Mushubi
21	TUYIZERE Lambert		70.1%	Kaduha
22	NZAYIRAMBAHO Eliel		70.1%	Gatare
23	MUTABAZI Eugène	Land Management, Infrastructure and Rural Settlement	70.1%	Nkomane
24	AHISHAKIYE Pontien		70.1%	Kitabi

VII. KUGENA INSHINGANO N'IBINDI BIGENERWA ABAKOZI BEMEJWE N'INAMA NJYANAMA BATARI KURI "CADRE ORGANIQUE" Y'AKARERE NO KUNGURANA IBITEKEREZO KU MIKORERE Y'ABAKOZI BAMWE NA BAMWE B'AKARERE.

Kuri iyi ngingo, abagize Komite Nyobozi y'Akarere bahawe ijambo basobanurira abagize Inama Njyanama ibintu 3 bikurikira bifuza ko byafatwaho imyanzuro:

a) Abakozi bashyirwa mu nzego z'imirimo ya Leta

Kuri iyi ngingo yerekeranye n'abakozi bashyirwa mu nzego z'imirimo ya Leta, Komite Nyobozi yasobanuriye Abajyanama ko ari abakozi bari mu myanya y'imirimo ya Leta ariko batari kuri "cadre organique" y'Akarere. Aba bakozi bakaba baremejwe n'Inama Njyanama ariko ntibagenerwa inzego z'imirimo babarizwamo bityo icyifuzo kikaba ari uko abo bakozi bashyirwa mu nzego z'imirimo ya Leta kugira ngo babashe kubona "Avantages" zijyanye n'iyo myanya barimo.

Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo bemeje ku bwumvikane busesuye ko abakozi 4 b'Akarere bashyirwa mu nzego z'imirimo ku buryo bukurikira:

N0	UMWANYA	URWEGO RW'UMURIMO	INSHINGANO	IBINDI YAGENERWA
1	Security Officer	4.III ("Director by Rank")	-Gutanga raporo y'ibyakozwe mu Karere ndetse na raporo y'umutekano ya buri munsi -Kugira inama Ubuyobozi bw'Akarere mu byerekeye umutekano -Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama y'umutekano -Gusesengura raporo z'umutekano ziva mu Mirenge -Kugenzura no gukurikirana amarondo -Gukurikirana inama za Joc za buri munsi no kugeza k'Ubuyobozi bw'Akarere ibyazivugiyemo -Gukora gahunda yo kurushaho	Amafaranga y'itumanaho angina n'ibihumbi mirongo itatu (30000frw)

			kubumbatira umutekano afatanije n'inzego z'umutekano. -Gukora izindi nshingano yahabwa n'Ubuyobozi zitanyuranije n'amategeko.	
2	Ushinzwe Inama y' Igihugu y'Abafite Ubumuga(CNPH)	4.III ("Director by Rank")	Inshingano ziri mu itegeko No…….. rishyiraho inama y'Igihugu y'abafite ubumuga.	
3	CNF (Executive Secretary)	5.II ("Professional in charge")	Inshingano ziri mu itegeko No…… rishyiraho inama y'Igihugu y'abagore.	
4	CNJ(Executive Secretary)	5.II ("Professional in charge")	Inshingano ziri mu itegeko No……rishyiraho inama y'Igihugu y'Urubyiruko.	

b) Abakozi bagaragaweho amakosa

Abagize Komite Nyobozi bagaragaje abakozi 6 bagaragaweho n'amakosa yatuma bahagarikwa ku kazi burundu. Abo bakozi ni aba bakurikira:

N0	**AMAZINA**	**UMURIMO YAKORAGA N'AHO YAKORERAGA**	**AMAKOSA YAMUGARAGAYEHO**	**ICYAKOZWE**
1	NDIZEYE Pie	Agronome w'Umurenge wa Kaduha	Yakatiwe igifungo cy'umwaka kubera gutanga ruswa	Yabaye ahagaritswe mu kazi by'agateganyo
2	MUKAMANA M.Jeanne	SED w'Akagari ka Gatare mu Murenge wa Gatare	Guteza amakimbirane mu baturage, haviramo n'urupfu rw'uwari ushinzwe umutekano (umupolisi) wari uje gutabara, kandi ibyo abikora mu Kagari adakoramo	Yabaye ahagaritswe mu kazi by'agateganyo
3	RUKUNDO J.Claude	SED w'Akagari ka Mukongoro mu Murenge wa Gatare	Guta akazi	Yari yafatiwe igihano cyo mu rwego rwa mbere akomeza gushakishwa n'ubu

				yarabuze
4	MURUTABABI Liberatus	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Murambi/Kaduha	Kudakoresha umuganda, Gutwara amafaranga y'abaturage yishyuwe abaturage muri Gacaca, Kutitabira inama zose yatumiwemo n';Ubuyobozi bw'Umurenge	Kubera aya makosa yamugaragayeho, abaturage bari batangiye kwinubira Ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge, yasabiwe igihano cyo kwirukanwa burundu.
5	NZAKIZWANIMANA David	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Nyakiza/Kibumbwe	-Ubwambuzi ahimbye imikono y'abaturage yaka inguzanyo muri VUP mu izina ry'abo baturage akoresheje izo mpapuro mpimbano. -Kurya amafaranga y'abaturage yishyuwe imitungo muri Gacaca. - Yambuye SACCO amafaranga angana na 1,443,000 frw	Yabaye ahagaritswe by'agateganyo ariko yanagejejweho umushinga w'igihano cyo kwirukanwa burundu.
6	NSANZINEZA P.Claver	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Jenda/Musange	Gufatira imitungo y'abaturage yishyuwe muri Gacaca akayigira iye cyangwa amasambu akayakodesha -Kugurisha imitungo y'abaturage (igare ry'umuturage)	Yagejejweho umushinga w'igihano cyo kwirukanwa burundu mu ibaruwa yanditswe ku wa 19/9/2012.

Abagize Inama Njyanama babyunguranyeho ibitekerezo basanga kugira ngo abo bakozi babe bafatirwa umwanzuro wa nyuma wo kubahagarika mu kazi burundu hagomba kugaragazwa dosiye zabo zose zikubiyemo inyandiko zigaragaza ibyakozwe byose binashingirwaho mu gufata umwanzuro wa nyuma wo kwirukanwa.

Abagize Inama Njyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko mu rwego rwo gusuzuma ko amategeko n'inzira zinyurwamo kugira ngo umukozi abe yakwirukanwa burundu mu kazi byubahirijwe, bizabanza gusuzumwa na komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko,

umwanzuro uzavamo ukazashyikirizwa Inama Njyanama izaterana mu gihe cya vuba ikabona kubifataho umwanzuro.

c)Imikorere y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Musange

Abagize Komite Nyobozi y'Akarere bamaze kugeza ku bagize Inama Njyanama bimwe mu byagaragaye mu mikoranire itanoze hagati y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Musange Bwana HANGANIMANA Pierre Celestin n'abo bakorana, mu rwego rwo gushakisha uburyo iyo mikoranire yakosorwa, abagize Inama Njyanama bafashe ibyemezo ku bwumvikane busesuye ko yimurirwa mu wundi Murenge. Ibi biratuma hari abandi Banyamabanga Nshingwabikorwa bimurwa n'ubwo bo nta bibazo bagaragaza aho bakoreraga nk'uko bigaragara mu mbnerahamwe ikurikira:

Amazina	**Aho yakoreraga**	**Aho yimuriwe**
HANGANIMANA Pierre Celestin	Musange	Mushubi
KABANDA J.Claude	Mushubi	Kitabi
ZIGIRUMUGABE Emmanuel	Kitabi	Kibumbwe
NSANZIMANA Vedaste	Kibumbwe	Musange

VIII. IBINDI.

Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ikiruhuko cy'umwaka wa 2012 cyasabwe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imari n'Iterambere, Madamu MUKARWEGO UMUHOZA Immaculée, nk'uko yabisabye mu ibaruwa yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yo ku wa 14/12/2012. Icyo kiruhuko kikaba kizatangira tariki ya 24 Ukuboza 2012 kikazarangira tariki ya 23 Mutarama 2013.

Inama yatangije imirimo yayo saa tanu (11h00) iyisoza saa mbiri z'ijoro (20h00)

Umwanditsi w'inama **Umuyobozi w'inama**

AYINKAMIYE Donatille
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe

ZINARIZIMA Diogène
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyamagabe